

## REPUBLIKA Y'U RWANDA



### URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO

#### **ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO**

Umwaka wa 2022 umunsi wa 17 w'ukwezi kwa Ukwakira;

Twebwe UWERA Immaculée, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWANTEGE Mariane;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo uwitwa TUYISENGE Theogene mwene NZIMURINDA Callixte na MUKARUSAGARA Bellancila utuye Runzenze, Kagomasi, Gashora, Bugesera, mu Ntara y'Iburasirazuba, warezwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake, icyaha gitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 121 y'itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite nimeru 01028/IPRL GASA/2021/FM/JN, cyageze mu rukiko kuwa 30/03/2021 19:25 cyandikwa kuri RP 00402/2021/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 17/10/2022 saa mbiri za mu gitondo ariko TUYISENGE Theogene uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, urubanza rukimurirwa tariki ya 22/11/2022 saa mbiri za mugitondo kugira ngo ahamagazwe nkuwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'ya 161 z'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganywa uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganywa uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse TUYISENGE Theogene kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **22/11/2022 saa mbiri za mugitodo (8h00)**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe haruguru aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirirwe urubanza adahari;

DUTEGETSE ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kinatangazwa ku rubuga rw'ubutegetsi bw'ubucamanza [www.judiciary.gov.rw](http://www.judiciary.gov.rw) no ku mbuga nkoranyambaga arizo@Rwanda Judiciary (Tweeter) na Supreme court of Rwanda (Facebook).

Iki cyemezo gitangira gukurikizwa umunsi cyafashweho.

*Bikorewe i Gasabo ku munsi, Ukwezi n'Umwaka byavuzwe haruguru.*

Se

Se

**Immaculee UWERA Mariane UWANTEGE UMUCAMANZA UMWANDITSI**